IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAMU JEANNETTE KAGAME MU MUHANGO WO KWIZIHIZA UMUNSI W'UMWANA W'UMUNYAFURIKA

Nyagatare District, ku wa 18 Kamena 2016

Banyakubahwa ba Minisitiri,
Nyakubahwa Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba,
Abahagarariye imiryango y'abafatanyabikorwa,
Wungirije Umukuru w'Inteko,
Abahagarariye Ingabo na Police,
Mayor w'Akarere ka Nyagatare,
Babyeyi, Bana bacu,

Mbanje kubasuhuza, muraho neza.

N'ubakiye kubyo Minisitiri y'Uburinganire yavuze, twazanwe nisezerano n'ubufatanye. Uyu munsi nshimishijwe no kwifatanya namwe, mu kwizihiza umunsi w'umwana w'umunyafurika ukaba kandi wahujwe n'umunsi wo kurwanya imirimo mibi ikoreshwa abana.

Iyo turebye mu muco wa kinyarwanda, dusanga umwana ahabwa agaciro gakomeye kuva akiri muto. Imwe mu migani dufite irabyerekana: mu kinyarwanda turavuga ngo, ***"Umwana ni umutware"***, bisobanuye ko akwiriye gufatwa neza mu muryango. Iyo tuvuze ngo ***"Umwana apfa mu iterura"***, bitwibutsa ko kurera ari kare. Tukaniyibutsa ko kwita ku mwana no kumurera neza uba witeganyiriza nawe, kuko Abanyarwanda bavuga ko ***"Utazi umukungu yima umwana".***

Insanganyamatsiko y'uyu mwaka iragira iti, **"Uburere bwiza ni umusingi w'ejo heza h'umwana"**.

Iyi nsanganyamatsiko ikwiye gutuma twibaza tuti:

- Ese ubwo burere ni ubuhe?
- Ese butangwa nande?
- Ese abana b'u Rwanda tububaha dute?

Mu gihugu cyacu, hari byinshi byagezweho mu kwita no kurengera abana bacu, uhereye kuri politiki n'amategeko atuma abana bagira imikurire n'uburere biboneye.

Ubundi ijambo *'uburere'* ni rigari cyane; risobanuye ibyo umuntu ahabwa mu buzima, guhera yonswa, bakinamutwite, kugirango bimubere nk'impamba imufasha kumugira umuntu wuzuye, kandi ikanamufasha kugira uko yitwara kuko nibwo bumuranga igihe cyose. Tujya tuvuga ngo, uriya mwana wo kwa Kanaka afite uburere bwiza. Ni uko aba afite ibimuranga bibigaragaza.

Uburere butozwa umwana akivuka, agahabwa ibyangombwa byose haba imirire myiza, gutozwa imico myiza, kugira isuku, kumufasha kugira ubuzima bwiza, kumujyana mu ishuri, kumutoza imyitwarire myiza, kubaha, n'ibindi. Murumva rero ko ibyo umuntu ukiri muto atabyitoza. Niyo mpamvu bavuga ngo ***"uburere buruta ubuvuke"***.

Turabizi twese ko ntawe uba mukuru atarabanje kuba umwana, uburere umwana abutozwa n'abantu bakuru, baba ababyeyi be bwite, n'umuryango mugari muri rusange, ndetse n'igihugu. Kugirango rero urwo ruhererekane rugende neza, no kugirango abana bazatange icyo bafite, tugomba kubibatoza.

Aha rero niho twebwe ababyeyi, tugomba kumva inshingano yibanze dufite yo guha abana tubyara ibisabwa byose, ngo bazabe abana batubereye. Ibi bisaba ko ababyeyi bagomba kwiyemeza kubyara, babanje kubiganiraho no guteganyiriza abana.

Nk'uko nabivuze, umwana si ukumurebera mu muryango gusa, abarezi nabo, babana n'abana kenshi, bafite uruhare rukomeye mu myigire, ariko no mu gutoza imico myiza, abo bana n'uburere bwiza muri rusange, tujya tunabona ko rimwe na rimwe, abana bumva ibyo abarezi bababwira kuruta abandi bantu.

Ntabwo twakwirengagiza kandi uruhare rw'umuryango Nyarwanda, mu myaka yashize twigeze kugira gahunda yitwa ***"Wite ku mwana wese nk'uwawe"***, wabyaye n'izindi gahunda nyinshi, zimwe murizo ariyo ijisho y'umuturanyi, yakanguriraga abantu bose kugira uruhare mu kwita ku bana, cyane cyane b'abaturanyi mu gihe ari ngombwa; ibi ni ibintu bigomba kuba mu muco kandi dufite n'ababigaragaje twabihembeye twise ***'Malayika Murinzi'*** banabikora neza.

Iyo twizihiza umunsi nk'uyu rero, tuba turebera hamwe intambwe tumaze gutera mu kubungabunga uburenganzira bw'umwana, tunarushaho gusuzuma ibitaragerwaho, maze tukareba hamwe icyakorwa ngo abana bacu, abana b'u Rwanda, abana ba Africa bitabweho uko bikwiye.

Iyo turebye iwacu no muri Africa muri rusange, turacyafite abana bata amashuri, abana bahohoterwa, abana bafatwa ku ngufu, abana bakoreshwa imirimo itababereye, abana birirwa ku muhanda, n'abadafite imirire myiza. Ariko nagira ngo nsabe twe ababyeyi gukomeza kwita ku mwana wese nk'uwacu, tumurinda icyahungabanya imikurire ye.

Ngirango dufashe urugero muri iyi ntara, abana bashubijwe mu ishuri mu gihembwe cya kabiri bangana n'ibihumbi makumyabiri na bine n'abana mirongo icyenda na babiri (24092).

Muri iyi ntara kandi abana bakuwe mu muhanda, ni magana atandatu mirongo icyenda na batatu (693), kandi abangana na magana atanu na mirongo irindwi n'umunani (578), bashubijwe mu miryango yabo.

Iyo urebye ukuntu iyo mibare ari minini, wibaza aho aba bana bari bari, n'icyo bakoraga, ese ababyeyi babo bo bari bahugiye kuki, natwe twese muri rusange, twari he, kuki twatumye biba?

Twishimiye ko hari ibiri gukorwa, ariko dushyire ingufu mu guhindura imyumvire ku bijyanye no kwita ku burere bw'abana.

Nibyo bizadufasha no kurinda ko tugira ibibazo nk'ibyo twavuze. Ngirango twahangana no kugira umubare munini w'abana mu mashuri, aho kugira abana batiga. Abanyarwanda tumenyereye kwishakamo ibisubizo, ntabwo ibyo byatunanira.

Leta Y'u Rwanda yemeje politike y'imboneza mikurire y'abana bato ivuguruye *'Revised Early Childhood Development Policy'*. Iyi politike isobanura neza ibyo umwana akenera, kugirango akure neza, ikanagaragaza uruhare rwa buri wese, uhereye ku mubyeyi, mugushyigikira imikurire myiza y'umwana.

Iyi gahunda mboneza mikurire ni ingirakamaro, ku mwana no ku mubyeyi. Ikozwe neza, ku bufatanye n'inzego zose, yaturinda ibibazo dufite uyu munsi, birimo imirire mibi, guta ishuri, ihohoterwa rikorerwa abana, guta umuco, n'ibindi byugarije umwana w'umunyarwanda.

Kugirango buri umwana w'umunyarwanda akure neza, Leta Y'u Rwanda yiyemeje gushyigikira ingamba yo gutangiza ingo mboneza mikurire y'abana bato *'ECD Centres',* nibura kuri buri kagari, byaba akarusho bikazagera no kuri buri mudugudu.

Akaba ariyo mpamvu mboneyeho gukangurira abafatanyabikorwa mwese muri hano, ababyeyi, abikorera n'abandi mwese gukomeza gushyigikira iyi gahunda iteza imbere umwana.

Bana bacu namwe turi kumwe uyu munsi, nagirango mbabwire ko muri amizero yacu, niyo mpamvu dukora ibishoboka byose ngo mugire ubuzima bwiza. Ariko natwe turabasaba ko mugira uruhare mu bibakorerwa, cyane cyane abatangiye guca akenge.

Nimureke kwishora mu bitabubaka, ntabwo umwana w'u Rwanda abereye kuba mu muhanda, kutiga, gukora mu ngo, kwishora mu mico mibi, n'ibindi.

Mu gusoza, nagirango dufatanye gushimira abafatanyabikorwa bafatanije na MIGEPROF mugutegura uyu muhango, barimo: Ingabo z' igihugu *RDF*, World Vision, Amashyirahamwe y'abaganga bafashije gusuzuma abana, ONE UN, n'abandi. Ibi bigaragaza urukundo mufitiye abana b'abanyarwanda.

Murakoze, mbifurije umunsi mwiza, n' amahoro y' Imana.